



# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2023

Taliki 16–19 Gashyantare



P1. Bugesera: Hafunguwe ikibuga cy'umukino w'amagare cyubatswe ku nkunga ya IPT

## Ijambo ry'ibazwe

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'lmikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo

P1

**Bugesera:** Hafunguwe ikibuga cy'umukino w'amagare cyubatswe ku nkunga ya IPT

P2

**Football:** Uko imikino y'umunsi wa 20 yagenze

P2

**NPC:** Habaye imikino ya shampiyona muri Amputee Football

P3

**Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P4

**Triathlon:** Iradukunda yegukanye irushanwa ritangiza umwaka w'imikino wa 2023

P5

**Basketball:** Ikipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 5, Egypt ibona itike y'imikino y'Afurika

## Bugesera: Hafunguwe ikibuga cy'umukino w'amagare cyubatswe ku nkunga ya IPT

Taliki 17 Gashyantare 2023 mu kigo Gasore Serge Foundation giherereye i Ntarama mu Karere ka Bugesera hafunguwe ikibuga cy'umukino w'amagare cyubatswe ku nkunga y'ikipe ya Israel-Premier Tech "IPT".

Iyi kipe yatangiye muri 2015 ubu iri mu rwego rw'amakipe akomeye akina amarushanwa ya mbere ku rwego rw'lsi aho inakinamo umunyabigwi muri uyu mukino, Chris Froome akaba akomoka mu Bwongereza.

Uyu muhango wabaye mbere gato yuko hatangira Tour du Rwanda 2023 yatangiye ku italiki 19 Gashyantare 2023.

Iki kibuga "The Field of Dreams" cyatashywe kigizwe n'ibibuga bibiri by'umukino w'amagare bizwi nka "Pump Track" na "Race track".

Ibi bikorwa bikaba biri muri gahunda yatangijwe n'iyi kipe "Race for Change" igamije gufasha mu guteza imbere umukino w'amagare mu Rwanda. Iyi gahunda yatangiye muri 2021.

Umuhango wo gutaha iki kibuga wari witabiriwe na Ambasaderi wa Israël mu Rwanda Dr Ron Adam, Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba CG Gasana Emmanuel, Meya w'Akarere ka Bugesera Mutabazi Richard, Sylvan Adams umwe muri ba nyiri iyi kipe ya IPT.

Hari kandi abayobozi muri Minisiteri ya Siporo, Komite Olimpike y'u Rwanda n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ndetse n'abakinni b'ikipe ya IPT bari bayobowe na Chris Froome.

Uyu mushinga ukaba ugizwe na "Pump Track" ifasha kwimenyereza amasiganwa yo mu misozi, "Race Track" inzira ya kilometero 1,2 ikoreshwa mu isiganwa ryo mu muhanda ndetse n'amazu azakoreramo ishuri "Academy" rizafasha mu kwigisha umukino w'amagare abana baturutse hirya no hino mu gihugu.

Biteganyijwe ko ibi bikorwa byose bizuzura bitwaye miliyoni zisaga 340 z'amafaranga y'u Rwanda yose akaba azatangwa n'ikipe ya Israel-Premier Tech.



## Football: Uko imikino y'umunsi wa 20 yagenze

Kuva taliki 16 kugeza taliki 19 Gashyantare 2023 habaye imikino y'umunsi wa 20 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Mu mikino yari itegerejwe cyane, ikipe ya Rayon Sports yatsinze Gasogi United ibitego 2-1 naho ikipe ya APR FC itsinda Etincelles FC ibitego 4-2.

Imikino y'umunsi wa 21 izaba taliki 24, 25 na 26 Gashyantare 2023.

### Uko imikino yagenze

**Taliki 16-02- 2023**

- AS Kigali 2-2 Sunrise FC

**Taliki 17-02-2023**

- Bugesera FC 3-0 Rutsiro FC

**Taliki 18-02-2023**

- Gorilla FC 2-0 Espoir FC
- Mukura 0-1 Rwamagana City
- Kiyovu 3-1 Marines FC
- Gasogi United 1-2 Rayon Sports

**Taliki 19-02-2023**

- Police FC 4-0 Musanze FC
- APR FC 4-2 Etincelles FC

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

Umwanya	Ikipe	Imikino	Amanota
1	APR FC	20	40
2	Rayon Sports	20	39
3	Kiyovu	20	38
4	AS Kigali	20	37
5	Gasogi United	20	36
6	Police FC	20	33
7	Etincelles FC	20	33
8	Mukura	20	25
9	Bugesera FC	20	25
10	Gorilla FC	20	25
11	Sunrise FC	20	24
12	Musanze FC	20	24
13	Rwamagana City	20	19
14	Rutsiro FC	20	18
15	Marines FC	20	13
16	Espoir FC	20	11



## NPC: Habaye imikino ya shampiyona muri Amputee Football

Taliki 18 na 19 Gashyantare 2023 kuri Sitade Ubworroherane mu Karere ka Musanze habereye imikino ya shampiyona mu mupira w'amaguru w'abantu bafite ubumuga "Amputee Football Championship 2022-2023".

Mu bagabo hakinwe imikino y'umunsi wa kabiri "Phase 2" naho mu bagore bakina imikino y'umunsi wa mbere "Phase 1"

Amakipe yitabiriye ni Karongi, Rubavu, Huye, Musanze, Nyanza, Nyarugenge na Nyamasheke.

### Uko imikino yagenze



# 2022-2023



## AMPUTEE FOOTBALL CHAMPIONSHIP PHASE TWO

DAY ONE - RESULTS		
NYANZA	0-5	MUSANZE
NYAMASHEKE	0-5	RUBAVU
MUSANZE WOMEN	1-1	NYARUGENGE WOMEN
NYANZA	0-2	KARONGI
MUSANZE	3-1	NYARUGENGE
HUYE	5-0	NYAMASHEKE
NYANZA	1-5	RUBAVU
NYARUGENGE	2-2	HUYE

DAY TWO - RESULTS		
NYARUGENGE	5-1	NYAMASHEKE
KARONGI	1-1	MUSANZE
HUYE	2-1	RUBAVU
NYARUGENGE WOMEN	5-1	RUBAVU WOMEN

[@nprwanda](#) | 
 [NPWRWANDA](#) | 
 [NPWRWANDA official](#)



# Basketball: Uko imikino ya shampiyona yagenze

Kuva taliki 17 kugeza 19 Gashyantare 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri mu bagabo .

## Uko imikino yagenze





**RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D1, DAY 16 RESULTS**

**FIRST LEG**

**FRIDAY 17/02/2023**

 UGB	<b>68-60</b>	
 ESPOIR BBC	<b>90-66</b>	
 REG BBC	<b>75-77</b>	


  

**SATURDAY 18/02/2023**

 RP IPRC MUSANZE	<b>41-109</b>	
 Shoot 4 Stars	<b>79-75</b>	
 REG BBC	<b>78-61</b>	
 APR BBC	<b>85-72</b>	

**SUNDAY 19/02/2023**

 RP IPRC KIGALI	<b>44-56</b>	
 ORION	<b>48-79</b>	
 UGB	<b>57-66</b>	






**RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023**  
**MEN D1 | ROUND 1 RANKING 19/2/2023**

RANK	TEAM	PG	W	L	F	PTS	FOR	AGAINST	GD
1	REG BBC	10	9	1	0	19	927	584	343
2	PATRIOTS BBC	10	9	1	0	19	851	580	271
3	APR BBC	9	8	1	0	17	814	462	352
4	K TITANS BBC	10	7	3	0	17	788	659	129
5	ESPOIR BBC	9	6	3	0	15	666	597	69
6	UCB	10	5	5	0	15	619	698	-79
7	ORION	10	4	6	0	14	724	733	-9
8	TIGERS BBC	10	3	7	0	13	661	670	-9
9	SHOOT 4 STARS BBC	8	4	4	0	12	534	647	-113
10	RP-IPRC HUYE BBC	10	2	8	0	12	601	819	-218
11	RP-IPRC MUSANZE BBC	10	0	10	0	10	490	1000	-510
12	RP-IPRC KIGALI BBC	8	0	8	0	8	449	675	-226



PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

**RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D2 DAY 7 RESULTS**


**FIRST LEG**

**SATURDAY 18/02/2023**

 THE HOOPS	<b>91-46</b>	
 WIBENA	<b>56-97</b>	
 RUSIZI BBC	<b>68-59</b>	
 BLACK THUNDERS BBC	<b>57-44</b>	
 KARONGI BBC	<b>52-41</b>	
 KICUKIRO BUCKETS	<b>62-72</b>	
 AZOMCO	<b>54-70</b>	

**SUNDAY 19/02/2023**

 RUSIZI BBC	<b>90-57</b>	
 KEPLER BBC	<b>94-71</b>	
 REBERO BB ACADEMY	<b>60-44</b>	
 THE HOOPS	<b>62-65</b>	
 ITS KIGALI	<b>63-48</b>	

**RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023**  
**MEN D2 | ROUND 1 RANKING 19/2/2023 - GROUP A**

RANK	TEAM	PG	W	L	F	PTS	FOR	AGAINST	GD
1	INSPIRED GENERATION	5	4	1	0	9	406	228	178
2	AZOMCO BBC	6	3	3	0	9	319	387	-68
3	FLAME BBC	4	4	0	0	8	298	208	90
4	UR HUYE BBC	6	2	4	0	8	391	424	-33
5	KEPLER BBC	4	4	0	0	8	216	103	113
6	REBERO BB ACADEMY	6	2	4	0	8	272	340	-68
7	WIBENA BBC	5	2	3	0	7	342	345	-4
8	BLACK THUNDERS BBC	5	2	3	0	7	266	317	-51
9	SPARTANS BBC	5	0	5	0	5	187	334	-147

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## Triathlon : Iradukunda yegukanye irushanwa ritangiza umwaka w'imikino wa 2023

Taliki 18 Gashyantare 2023 mu Karere ka Rubavu habereye irushanwa ritangiza umwaka w'imikino wa 2023 muri Triathlon "Rubavu Triathlon National Championship 2023".

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'abakinnyi 18 mu bagabo aho bari mu byiciro bibiri, abakuru "Men Elite" n'icyiciro cy'abatarengeje imyaka 17.

Aba bakinnyi babanje Koga intera ya metero 750, bakurikizaho kunyoga igare kilometero 20 hanyuma basoza basiganwa n'amaguru kilometero 5 (25,750 km).

Iradukunda Eric ni we wegukanye irushanwa mu bakuru "Men Elite" aho yakoresheje isaha 1 n'iminota 9. Ku mwanya wa kabiri haje Dusabe Claude wakoresheje isaha 1 n'iminota 10 n'amasegonda 50 naho ku mwanya wa 3 haza Ishimwe Hertier wakoresheje isaha 1 n'iminota 13 n'amasegonda 9. Aba bakinnyi bose bakaba bakinira ikipe ya CS Karongi.

Mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 17, uwegukanye isiganwa ni Munyaneza Arthur ukinira ikipe ya Rubavu SC akaba yarakoresheje isaha 1 n'iminota 20 n'amasegonda 17, ku mwanya wa kabiri haje Byiringiro Christian ukinira ikipe ya CS Karongi aho yakoresheje isaha 1 n'iminota 22 n'amasegonda 19 naho Byamungu David ukinira Rubavu SC asoreza ku mwanya wa gatatu akoresheje isaha 1 n'iminota 31 n'amasegonda 22.

Aya marushanwa ategurwa n'ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon mu Rwanda "RTF" ku bufatanye n'abaterankunga batandukanye barimo Sanlam, Coca Cola ndetse n'lkigo cy'lsoko ry'l'mari n'l'migabane mu Rwanda "Rwanda Stock Exchange".

Irushanwa ritaha rizabera mu Karere ka Karongi taliki 18 Werurwe 2023.

### Uko abakinnyi bitwaye

- **Abakuru (25,750 km)**

1. Iradukunda Eric 1h09'
2. Dusabe Claude 1h10'50"
3. Ishimwe Hertier 1h13'09"

- **Abatarengeje imyaka 17 (25,750 km)**

1. Munyaneza Arthur 1h20'17"
2. Byiringiro Christian 1h22'19"
3. Byamungu David 1h31'22"



## 5 Basketball: Ikipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 5, Egypt ibona itike y'imikino y'Afurika

Kuva taliki 14 kugeza 19 Gashyantare 2023 i Kampala muri Uganda habereye imikino y'Akarere ka Gatanu yo gushaka itike y'imikino y'Afurika mu bagore mu mukino wa Basketball "FIBA Zone V AfroBasket Women Qualifiers 2023".

Ikipe ya Egypt ni yo yegukanye iri rushanwa ndetse inabona itike y'imikino y'Afurika "FIBA Women AfroBasket 2023" izabera i Kigali kuva taliki 28 Nyakanga kugeza 06 Kanama 2023. Ikipe y'u Rwanda yitabiriye ifite itike yasoreje ku mwanya wa nyuma wa 5.

Iyi mikino yitabiriwe n'ibihugu 5 ari byo Uganda, Egypt, Kenya, South Sudan n'u Rwanda. Aya makipe yakinnye hagati yayo hanyuma ikipe ya mbere n'iya kabiri zikina umukino wa nyuma naho iya kane n'iya gatatu zihatanira umwanya wa 3. Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya Kenya yatsinze South Sudan amanota 63 kuri 30.

Ikipe ya Egypt ni yo yegukanye igikombe itsinze Uganda ku mukino wa nyuma amanota 74 kuri 65.

### Uko imikino yagenze

#### Taliki 14-02-2023

- South Sudan **68-83** Egypt
- Uganda **53-61** Kenya

#### Taliki 15-02-2023

- Rwanda **40-54** South Sudan
- Egypt **85-86** Uganda

#### Taliki 16-02-2023

- Kenya **69-58** Rwanda
- Uganda **74-53** South Sudan

#### Taliki 17-02-2023

- Rwanda **56-102** Egypt
- South Sudan **51-80** Kenya

#### Taliki 18-02-2023

- Egypt **82-57** Kenya
- Uganda **78-70** Rwanda

#### Taliki 19-02-2023

##### Umwanya wa 3

- Kenya **64-30** South Sudan

##### Umukino wa nyuma

- Egypt 74-65 Uganda

### Uko amakipe yakurikiranye

1. Egypt
2. Uganda
3. Kenya
4. South Sudan
5. Rwanda





Website: [www.olympicrwanda.org](http://www.olympicrwanda.org)

[www.olympicrwanda.org/commonwealth](http://www.olympicrwanda.org/commonwealth)

Email: [cnosr@olympicrwanda.org](mailto:cnosr@olympicrwanda.org) | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave